

Ingingo ya 181: Guteka, kurya cyangwa kugaburira abandi inyama z’umuntu

Umuntu wese uteka, urya cyangwa ugaburira abandi inyama z’umuntu, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n’itanu (15).

UMUTWE WA VI: IBYAHA BINYURANYIJE N’IMYIFATIRE MYIZA

Icyiciro cya mbere: Ibyaha by’urukozasoni

Ingingo ya 182: Igisobanuro cy’ibyaha by’urukozasoni

Ibyaha by’urukozasoni: ni ibikorwa cyangwa imyitwarire itandukanye n’imyitwarire myiza n’imyifatire mbonezabupfura bitesha umuntu agaciro kandi bikamubangamira mu muco.

Ingingo ya 183: Icyaha cy’urukozasoni cyakozwe ku mwana

Icyaha cy’urukozasoni cyakozwe ku mwana cyangwa cyagambiriwe ku mwana ariko kitashoboye gusozwa gihanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n’ihazabu y’amafaranga y’u

Article 181: Cooking, cannibalism or feeding human flesh to others

Any person, who cooks, eats human flesh or feeds it to others shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

CHAPTER VI: OFFENCES OF IMMORALITY

Section One: Indecent assault offences

Article 182: Definition of indecent assault

Indecent assault consists of acts or behaviours contrary to the customs and morality which undermine the dignity and cultural identity of the human being.

Article 183: Indecent assault against a child

An indecent assault or an attempted indecent assault against a child shall be punishable by a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years and a fine of one hundred thousand (100,000) to two hundred thousand

Article 181: Cuire, manger ou servir à autrui de la chair humaine

Toute personne qui cuit, mange ou sert à autrui de la chair humaine est passible d’un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

CHAPITRE VI: INFRACTIONS D’ATTENTAT AUX BONNES MŒURS

Section première: Infractions d’attentat à la pudeur

Article 182: Définition de l’attentat à la pudeur

L’attentat à la pudeur consiste en des actes ou comportements contraires aux usages et aux bonnes mœurs et qui portent atteinte à la dignité et à l’identité culturelle de la personne humaine.

Article 183: Attentat à la pudeur commis sur un enfant

Une infraction d’attentat à la pudeur commise ou tentée sur un enfant est punissable d’un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d’une amende de cent mille (100.000) à deux cent mille

Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000). (200,000) Rwandan francs. (200.000) francs rwandais.

Ingingo ya 184: icyaha cy'urukozasoni cyakozwe ku ngufu, amayeri cyangwa ibikangisho ku muntu ufite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko

Article 184: Indecent assault with violence, trickery or threats against a person aged eighteen (18) or above

Article 184: Infraction d'attentat à la pudeur commise avec violence, ruse ou menaces sur une personne âgée de dix huit (18) ans au moins

Umuntu wese ukoze icyaha cy'urukozasoni ku ngufu, amayeri cyangwa ibikangisho bigiriwe umuntu ufite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2).

Any person who commits indecent assault with violence, trickery or threats against a person aged eighteen (18) or above shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years.

Toute personne qui commet une infraction d'attentat à la pudeur avec violences, ruses ou menaces sur une personne âgée de dix huit (18) ans au moins est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans.

Iyo icyo cyaha cyateye uburwayi uwagikorewe, uwagikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

If an offence results in illness for the victim, the offender shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Lorsque cette infraction a entraîné une maladie pour la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Iyo icyo cyaha cyateye uwagikorewe uburwayi budakira, uwagikoze ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

If an offence results in an incurable illness for the victim, the offender shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Lorsque cette infraction a entraîné une maladie incurable pour la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Iyo icyo cyaha cyateye uwagikorewe urupfu, uwagikoze ahanishwa igifungo cya burundu.

If an offence results in the death of the victim, the offender shall be liable to life imprisonment.

Lorsque cette infraction a entraîné la mort de la victime, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.